Bibiliya y'abana
irerekana

Itangiriro ry'umubabaro w'umuntu



yanditswe na: Edward Hughes
yahinduwe na: Elizabeth Johnson
yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

Story 2 of 60

www.M1914.org

Bible for Children, *PO Box 3, Winnipeg, MB R3C 2G1 Canada*

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Kinyarwanda

Inzoka ibaza Eva iti, "Imana yababujije kurya kuri buri giti cyose?" Eva arasubiza ati, "Dushobora kurya urubuto urwarirwo rwose usibye rumwe.
3

Ni turya cyangwa tugakora kuri urwo rubuto, tuzapfa. "Inzoka iseka iti," Ntimuzapfa …
4

"Muzamera nk'Imana." Eva ashaka urubuto rwa cya giti. Yumvira inzoka maze arya urubuto.
5

Nyuma y'uko Eva atumviye Imana yafashije Adamu nawe kurya urubuto. Adamu yashoboraga kuvuga ati, "Si nsuzugura ijambo ry'Imana."
6


Igihe Adamu na Eva bacumuye, bombi bamenyeko bambaye ubusa. Badoda ubucocero mu bibabi by'imitini, bariyambika, bihisha mu gihuru amaso y'Imana.
7

Mu mafu ya nimunsi, Imana yaje mu busitani. bamenye ko ibyo Adamu na Eva bari bakoze. Adamu yashinje Eva. Eva ashinja inzoka. Imana iravuga iti, "Inzoka iravumwe. Umugore azajya agira ububabare mu kubyara abana."
8

"Adamu, kuko wacumuye, ubutaka buvumwe kubaho amahwa n'ibivunanye. Uzakora wiyuhe akuya kugirango ubone ibyo kurya bya buri munsi."

9

Imana yirukana Adamu na Eva mu busitani bwiza. Kuko bacumuye, bari batandukanye n'Imana umutangabugingo!



10

Imana ikora inkota yaka umuriro yo kubagumisha hanze. Imana iremera Adamu na Eva imyambaro y'impu. Imana yakuye hehe impu?



11

Muri icyo gihe, umuryango waravutse kuri Adamu na Eva. Umuhungu wabo wambere, Kayini, yari umuhinzi, Umuhungu wabo wa kabiri, Abeli, yari umwungeri w'intama.

12

Umunsi umwe Kayini azanira Imana ituro ku imboga. Abeli azanira Imana ituro ku ntama ze nziza. Imana ishimishwa n'ituro rya Abeli.

13

Imana ntiyashiimishijwe n'ituro rya Kayini. Kayini ararakara cyane. Ariko Imana iravuga iti, "Nukora ibyiza, ntuzemerwa?"

14

Uburakari bwa Kayini
ntibwashira. Nyuma mu gasozi
ahagurukira Abeli, aramwica.



15

Imana ibwira Kayini iti, "Murumuna wawe Abeli
arihe?" Kayini aramubeshya ati, "ntabwo mbizi."
"Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?"
Imana ihanisha Kayini kumwambura
ububasha bwo guhinga akeza
no kumugira inzererezi.

16

Kayini yavuye mu maso y'Uwiteka. Yari
yarashyingiranywe n'umukobwa w'Adamu
na Eva. Bakuza umuryango. Nyuma
y'igihe gito, abuzukuru n'abuzukuruza
ba Kayini buzura umurwa yahanze.

17

Muri icyo gihe, umuryango w'Adamu
na Eva wakuze vuba. Muri iyo minsi,
abantu bararambaga kurusha ubu.



18

Igihe umuhungu we Seti yavukaga,
Eva aravuga ati, "Imana yampaye
Seti ngo asimbure Abeli."



19

Seti yari umugabo utunganye wabayeho
imyaka 912 agira n'abana benshi.



20

Itangiriro ry'umubabaro w'umuntu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 3-6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, aribyo yita icyaha. Igihano cy'icyaha n'urupfu.

Imana iradukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo, Yesu, gupfira kumusaraba maze yishyura igihano cyacu. Yesu yarazutse maze asubira mu ijuru! Ubu Imana ishobora kubabarira ibyaha byacu.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti: Ku nshuti yanjye Imana, Nizera ko Yesu yamfiriye kandi ubu akaba ari muzima na none. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye maze umbabarire ibyaha byanjye, kugira ngo uyu munsi mbashe kubona ubuzima bushya, maze mbane nawe ubuzira herezo. Mfasha kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina. Yohana 3:16

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi!